

ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISIKOPI Y'ABEPISIKOPI YATERANIYE I  
KIGALI KUVA KU WA 05 NZERI KUGEZA KU WA 08 NZERI 2017

Inama isanzwe y'abepisikopi gatolika mu Rwanda yareraniye i Kigali kuva tariki 5 kugeza tariki 8 Nzeri 2017, iyobowe na Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na perezida w'inama y'Abepisikopi gatolika mu Rwanda. Ku murongo w'ibiyigwa hari uguzuguma raporo z'imikoreshereze y'umutungo muri serivisi z'inama y'Abepisikopi n'iz'amaseminari ahuriweho na diyosezi zose mu mwaka wa 2016-2017, ndetse no kureba ingengo z'imari z'umwaka utaha wa 2017-2018. Abepisikopi kandi baboneyeho no gutegura ibaruwa bandikiye abakristu bose mu gusoza Yubile y'Imyaka ijana y'ubusaseridoti mu Rwanda, bakomeza baganira no ku zindi ngingo zitandukanye zirebana n'iyogezabutumwa.

Atangiza iyi nama, Musenyeri Filipo RUKAMBA yahaye ikaze Intumwa ya Papa mu Rwanda Andrzej Józwowiczwari witabiriye iyo nama ku nshuro ye ya mbere kandi aramushimira. Yakomereje ku by'ingenzi byaranze Kiliziya mu Rwanda mu minsi ishize birimo urugendo nyobokamana rw'abapadiri ku mva ya Baritazari GAFUKU i Mugombwa ku wa 23 Kamena 2017, ndetse n'itangwa ry'ubupadiri muri ku badiyakoni mirongo itandatu na batatu (63) ku itariki ya 22 Nyakanga 2017, ibyo byose bikaba byarabaye mu rwego rwo kwizihiza Yubile y'imyaka 100 y'ubusaseredoti mu Rwanda. Yakomeje kandi ashimangira ko abakristu gatolika bakomeje urugendo rubaganisha ku birori bya Yubile biteganyijwe ku wa 7 Ukwakira 2017 I Kabgayi.

Mu ijambo rye, Musenyeri Andrzej Józwowicz, intumwa ya Papa mu Rwanda wari witabiriye umuhango wo gufungura inama nk'uko tumaze kubivuga, yagaragaje ko yishimiye ubutumire. Yibukije amwe mu mabwiriza arebana n'imikoranire y'inzego za Kiliziya hagamijwe ubwuzuzanye. Yanagarutse ku ngingo zirebana n'iyogezabutumwa muri rusange ashimangira cyane cyane iry'urubyiruko n'umuryango rigomba kwitabwaho ku buryo bwhariye kuko ari ndasimburwa mu rwego rwo kubaka Kiliziya y'ejo hazaza. Ibyo bijyana no gukaza umurego mu kurera abaseminari ari bo bigezabutumwa b'ejo. Yibukije abepisikopi ko papa Fransisko ashishikajwe cyane no kubona ko Kiliziya yaba uburuhukiro bw'abafite intimba, ikita ku mbabare no ku bafite ibibazo. Musenyeri Andrzej Józwowicz yasoje ijambo rye ashimira abepisikopi bo mu Rwanda ubutumwa Kiliziya gatolika irimo gusohoza mu Rwanda, kandi abifuriza kuzagira inama nziza.

Nyuma yo guhana amakuru mu madiyosezi yose, abepiskopi bakomeje batega amatwi raporo za serivisi zitandukanye z'inama y'abepisikopi: ubunyamabanga bukur, urwego rushinzwe uburezi gatolika, urushinzwe imyigishirize ya gatigisimu, urukiko rwa Kiliziya, urushinzwe ibikorwa bya papa, komisiyo y'ubutabera n'amahoro, iy'urubyiruko, iy'umuryango, iy'abalayiki ndetse na Kinyamateka. Icyagaragaye ni uko umwaka ushize wagenze neza kandi hakaba hari na gahunda ihamye irebana n'umwaka utaha. Nk'uko n'ubundi byifujwe mu nama zabanjirije iyi, Komisiyo y'abalayiki yasabwe gufasha komisiyo y'umuryango kwita ku bibazo birebana na wo. Komisiyo kandi zashishikarijwe gushaka uburyo bwo kwhaza, dore ko inkunga ziterwa rimwe na rimwe itaboneka cyangwa ikaza itinze, ibi bikadindiza imikorere yazo.

Nyuma y'aho, Abepisikopi bateze amatwi raporo za seminari nkuru ziahuriweho na diyosezi ndetse bemeza ingengo z'imari z'umwaka. Bishimiye ko ibikorwa byose byagenze neza kandi ko n'ingengo y'imari yateguve neza. Abepiskopi basanze hagomba no gutekerezwa uko amazu ashaje ya za seminari yatangira kuvugururwa bihereye ku iseminari ya Rutongo. Hazabaho gusaba inkunga abagiraneza ariko

hazabaho n'igikorwa kizahurirwaho n'abasaseridoti bose kigamije gutera inkunga iyo seminari muri uyu mwaka w'Ubusaseridoti.

Muri iyi nama, abepisikopi baboneyeho banoza gahunda yo kwizihiza yubile y'ubusaseredoti mu Rwanda izabera i Kabgayi ku wa 7 Ukwakira 2017. Bagennye uko liturujiya y'ubo munsi izaba iteye, ndetse n'ibirori bizayikurikira. Bifuje ko gahunda z'uwo munsi zaba ngufi kugirango bafashe abajya kure kugerayo kare. Abepisikopi kandi bateguye ubutumwa buzasomerwa abakristu muri iyi minsu dusozamo yubile y'imyaka ijana y'ubusaseredoti. Ubwo butumwa buzasomwa mu byumweru bibiri bibanziriza uwo munsi mukuru wo ku wa 7 Ukwakira, ni ukuvuga ku cyumweru tariki ya 24 Nzeri 2017 na tariki 1 Ukwakira 2017.

Abepiskopi banongeye gusuzumira hamwe ibijyanye no gushyira abasaseridoti mu mirimo inyuranye ihuriweho n'amadiyosezi yose cyane cyane muri za seminari nkuru. Barebeye hamwe ahaburagamo abantu babashyiramo babaha n'inshingano.

Abepiskopi banarebeye hamwe ikibazo cy'ubwishingizi bw'indwara ku bapadiri bumva uko byifashe mu biganiro bagiranye n'abahagarariye amasosiyete atandukanye ari bo SAHAM na EMI. Bemeje ko bagiye gukomeza kubitekerezaho. Banasuzumye aho umushinga w'imikoranire na leta mu rwego rw'uburezi ugeze baha n'inshingano komisiyo ibishinzwe.

Abepiskopi bibukiranije ingingo zirebana n'iyimurwa ry'Umunsi mukuru w'Abatagatifu bose bakurikije ibyo basabye kandi bemerewe n'ibiro bibishinzwe i Roma. Hemejwe ko kwizihiza uwo munsi mukuru w'Abatagatifu bose bizajya bikorwa ku itariki ya mbere Ugushyingo igithe iyo tariki yahuriranye no ku cyumweru; naho mu gihe itariki ya mbere Ugushyingo ibaye mu minsu y'imibyizi, uyu munsi mukuru uzajya wimurirwa ku cyumweru cya mbere cy'Ugushyingo. Umunsi wo kwibuka abakristu bitabye Imana wo ntuzajya uhinduka, uzajya wizihizwa ku itariki ya 2 Ugushyingo, keretse iyo tariki wagonewe ihuriranye n'icyumweru cya mbere cy'Ugushyingo. Muri icyo gihe, uzimurirwa ku wa mbere ukurikira icyo cyumweru. Ni ukuvuga rero ko uyu mwaka Umunsi mukuru w'Abatagatifu bose uzimurirwa ku cyumweru cya mbere cy'Ugushyingo, hazaba ari tariki ya 5/11/2017.

Bashoje inama bifuriza Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa Yubile nziza y'imyaka 75 y'amavuko azizihiza tariki ya 23 Nzeri i Kigali. Banemeje ko ku wa 28 Nzeri bazakora inama idasanzwe yo kwiga ku gitabo cy'amabwiriza rusange y'iyogezabutumwa "Tugendere hamwe" kirimo gutegurwa.

Inama yarangiyе kuwa gatanu tariki ya 8 Nzeri 2017 i saa saba n'igice.

Padiri Hodari Jean de Dieu, Umunyambanga w'Inama y'Abepiskopi  
Gatolika mu Rwanda

+ Filipo RUKAMBA  
Umwepisikopi wa Butare,  
akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda